Ikiganiro cy'Uhagarariye Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, mu nama yahuje ba Burugumestri kuva taliki ya 16 kugeza kuya 23 Kanama 87.

---

Urubyiruko mu majyambere y'Igihugu

Ba milita Burugumestri,

Mu kwezi gushize, hali ku italiki ya mbere Nyakanga 1987. Igihugu cyacu, cyizihije imyaka 25 kimaze gisubiranye ubwigenge. Iyo taliki ikomeye, itazibagirana mu mateka y'u Rwanda, yabereye benshi mu batura-rwanda uburyo bwo kwibuka, ku buryo bw'umwihaliko, benshi mu banyarwanda bitangiye igihugu cyacu kugirango ijwi rya rubanda rugufi ryumvikane, no kugirango benshi mu bana b'u Rwanda, biyumvishe uruhali bafite muguteza imbere imibereho myiza ya buli wese, no gushyigikira amajyambere y'igihugu.

Siniliwe mvugako kugirango ibyo byose bishoboke, hagombye imbaraga n'ubwitange bw'abato bicyo gihe, bali bafite icyizere cy'uko igihugu cyacu nacyo cyazagira umwanya ugaragara mu rugaga rw'amahanga yigenga, bashyigikiwe n'abakuru bali barabayeho ku buryo bwabo ku ngoma ya gihake na gikolonize, aliko kandi bababazwaga n'igitekerezo cyo gusiga abana babo kuli iyo ngoyi yali yarahambilijwe benshi mu bakurambere bacu.

Ndumva naba ntibeshye cyane, nemeje ko ubwo bwigenge twahimbalije imyaka 25, bwakomotse ahanini ku bato bicyo gihe bo ntwaramuheto bali bagifite imbaraga zo gufata iyambere baharanira urwababyaye.

U Rwanda rw'ubu rero, u Rwanda rwuje ubumwe, amahoro n'umutekano, uru Rwanda rufite ituze litera buli wese icyizere cyuko amajyambere yarwo ali intego ishobora kugerwaho aturutse na none kubwitange bw'abanyarwanda bose bibumbiye muli MRND, turukesha aba basaza tubona ubu, alibo bali bato ejobundi muli ya myaka yali ikomeye twibutse, ku italiki ya mbere Nyakanga 1987.

Ubu rero u Rwanda rubaye ubukombe, nkuko wa mulirimbyi abivuga.
Aliko se urwejo hazaza rwo rusaba rute?
Twebwe abakuru b'iki gihe turabona tuzaraga iki abana bacu?
Ese abato b'iki gihe, urubyiruko, alirwo twita "U Rwanda rwejo" turufitiye migambi ki?

Ba milita Burugumestri, ba militante, ba milita,.
Muli uyu mwanya, mu izina lya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, mpagaraliye muli iyi nama ndagirango mbagezeho bimwe mu bitekerezo nyobozi, ni imigambi Ministeri yacu ifite, yifuza gutoza urubyiruko. Bityo ibitekerezo byacu dukomora ahanini ku nshingano Umukuru w'Igihugu cyacu, Nyakubahwa Jenerali Major HABYALIMANA Juvenali, Prezida wa Repubulika, Prezida Fondateli wa MRND, yahaye iyo Ministeri kuva ayishinga kuwa mbere Kanama 1973.

.../...

Ibyo bitekerezo rero twageragaje kubishyira mu bikorwa, murabizi. Nyamara kandi tuzi neza ko hakili byinshi, ndetse ibili imbere bitarakorwa birenze kure ibyakozwe.

Nicyo gituma muli iki kiganiro nagiragango dusuzumire hamwe imigambi Ministeri ifite yo guteza urubyiruko guhagurukira amajyambere y'igihugu. Maze ibitekerezo tuli bwungurane bizadufashe twese, Ministeri n'ubuyobozi bwa Komini shingiro ry'amajyambere rusange alibo mwe ba Burugumestri, dufatanye kwitangira urubyiruko rwacu. Ndarangiza iki kiganiro mbagezaho na bimwe mu bikorwa byihutirwa twifuza ko mwadufashamo, turebere hamwe n'uburyo buneze bwo kubigeraho.

## Imilimo ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative

### Kwita cyane cyane ku rubyiruko rutize

Hali kuwa 1 Kanama 1973, ubwo Prezida wa Repubulika yashingaga Iyo Ministeri ayisaba kwumvisha urubyiruko no kurukangulira amajyambere y'Igihugu cyacu.

Avugako umulimo w'iyo Ministeri izawuzuza neza mu gihe izaba ifite uyihagarariye muli buli Komini ushinzwe kurukangura.

Yasabye, iyo Ministeri kwibanda cyane cyane ku burezi ngorora-muco, no gukangulira urubyiruko imilimo ya kijyambere aho rutuye.

Icyo gihe yongera gusabako urwo rubyiruko rugomba guhabwa inyigisho z'ifatizo mu buhinzi, mu bukolikoli, no mu gushinga Koperative.

Kuwa 5 Nyakanga 1978, Nyakubahwa Prezida Fondateri wa MRND, yongeye kuvuga aya magambo ati: "Ministeri y'Urubyiruko igomba gusanga urubyiruko aho ruli hose. Icyo gihe (ni Prezida uvuga) izafatanya na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu cyane cyane n'abategetsi ba Komini, kuko iyo hali igikorwa gikorerwa mu baturage, kigomba kugira umwanya muli plan yose y'amajyambere, no mu bikorwa bya Komini."

Igitekerezo cyo gukangulira urubyiruko amajyambere y'icyaro Umukuru w'Igihugu yagisubiyemo incuro nyinshi.

Dore nko kuwa 8 Mutarama 84 yavuzeko: "Ministeri y'Urubyiruko ali nayo ishinzwe Gutsura za Koperative n'andi ~~amashyirahamwe~~ mashyirahamwe, izagira umulimo ukomeye wo kwita ku rubyiruko no ku majyambere yarwo. Inzira y'ayo majyambere turayibona cyane cyane mu makoperative n'andi mashyirahamwe, Kuko alibyo byabaha umulimo, bigatuma nabo bagilira Igihugu akamaro."

Prezida wa Repubulika yakomeje agira ati: "Turakekako ayo makoperative n'amashyirahamwe y'urubyiruko bizafasha amajyambere y'igihugu gutera imbere, bitsura ~~cyne~~ cyane cyane amajyambere yo mu cyaro."

Kubibutsa amwe mu magambo akomeye Nyakubahwa Prezida Fondateri yavuze ku rubyiruko ni ngombwa, kuko bitwereka umwanya w'ibanzé politiki y'igihugu cyacu yarugeneye muri iki gihugu mu gihe kili imbere, bityo tukiyumvisha twese umurego tugomba gukorana iyo milimo duhuliyeho twese, yo kurera abacu.

Nyamara kandi sinashobora gusubira mubyo yaruvuzeho byose, uretse ko nagiragango, mwibuke amagambo Milita Jenerali Major HABYALIMANA Yuvenali, yatubwiye igihe yatangizaga kongère ya V isanzwe ya Muvoma, ayo yagejeje kubatura-rwanda igihe yatwifulizaga umwaka muhire wa 1985 ali nawo wali umwaka w'urubyiruko ku isi hose, mbasaba no kuzilikana ijambo yageneye urubyiruko ubwarwo, mu ijambo yavugiye i Nyakinama kuwa 21 Gicurasi 1986, n'uko abona amizero y'igihugu cyacu ashingiye kubikorwa by'urubyiruko nkuko yabitugejejeho kuwa 1 Nyakanga 1987.

Ayo ~~magambo~~ magambo yose ashingiye kuli ili jambo-ntego:

"URUBYIRUKO MU MAJYAMBERE Y'IGIHUGU CYACU"

Muti aliko se muli ibyo byose Ministeri ishinzwe urubyiruko yakoze iki?

Ibyakorewe urubyiruko kugeza ubu:

a) Gusesengura ibibazo by'urubyiruko:

Dushingiye ku mahame ya Muvoma no kumabwiliza yose, uko nayibukije, yatanzwe na Nyakubahwa Prezida wa Repubulika, twabanje gusuzuma ingorane urubyiruko ruhura nazo, cyane cyane urwo mu cyaro, maze dusanga zikubiye mu ngingo enye z'ingenzi, nubwo hiyongeraho ibindi bibazo bituraka mu karere aka naka cyangwa kubo babana.

Izo ngingo ni:

- Ubujiji
- Ubukene no kubura akazi gatanga umusahahara, ibyo bikaba bifatanye no kubura amasambu mu cyaro
- Ubwiyongere bw'abaturage, butuma guhabwa iminani bitangiye gucika,
- Kubura ubundi buryo buhagije bushyashya bwo kwita kurubyiruko (Encadrement)

Twasanze kandi ko akenshi na kenshi ibyo bibazo biba bisobekeranye, maze koko benshi mu rubyiruko bagakulizamo kwiheba no gukora ibikorwa binyuranye bitandukira umuco-munyarwanda, binadindiza amajyambere rusange.

b) Uko Ministeri yagerageje gukemura ibyo bibazo:

Nkuko byasabwe, habanje guhugurwa abakangurambaga b'urubyiruko, maze bashyirwa muli za Prefegitura, za S/Prefegitura no mu makomini, bahabwa ubutumwa bwo gukangulira urubyiruko amajyambere, barutoza gushinga amashyirahamwe y'urubyiruko n'amakoperative barwibutsa ibyiza dukesha kumenya gusoma no kwandika, barwigisha n'imikino inyuranye n'imyidagaduro ishingiye ku bumenyi gakondo. .

Bafatanyije n'ubutegetsi bw'inzego bakoramo.

Abo bakozi basabwe guhagurukira no gushyira mu bikorwa politiki ya Ministeri ishingiye ahanini:

1° Gukangulira ababyeyi umulimo wabo w'ibanze wo kurera abana babo.

Inama ba Encadreurs b'urubyiruko bagirana n'abaturage mu byaro, zigamije ahanini kwibutsa ababyeyi umulimo wabo w'uburezi no kubahatira gufasha abasore n'inkumi ngo bitabire gukorera mu mashyirahamwe.

- Ibyo bigaragalira kandi no mu ngendo Ministri n'abafasha be bakorera kenshi mu gihugu cyose kugirango bagire inama abenshi bazikeneye.
- -Ibyo byose bigashyigikirwa n'ibiganiro bikorerwa mu "Gitaramo cy'urubyiruko" gihita kuli Radio-Rwanda buli wa kane, no mu nyandiko zinyuranye zitangazwa mu binyamakuru no mu magazeti.

2° Gufatanya n'imilyango y'urubyiruko isanzweho (J.O.C - J.A.C. - XAVERI-JEC SECA-SCOUT-MESSORWA-GUIDE...)
Kuberako Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ali nayo ishinzwe Imilyango y'urubyiruko, n'andi mashyirahamwe y'urubyiruko, twasanze ali ngombwa ko iyo milyango yarushaho guhuza ibikorwa byayo na politiki ya Ministeri, maze ko iyo milyango yarushaho guhuza ibikorwa byayo na politiki ya Ministeri, maze urubyiruko rwibumbiye muli iyo miryango rusobanulirwa gahunda y'ibikorwa bya kijymbere bigomba kwibandwaho mu bikorwa byabo. Bityo imilimo y'iyoboka-mana benshi muli bo bitayeho ikuzuzwa n'imibereho myiza y'abato aho bali hose.

3° <u>Ibigo byigisha urubyiruko imyuga n'ubukolikoli</u>
Tumaze kubona ko ubujiji ali kimwe mu bidindiza amajyambere mu rubyiruko, ubuhinzi, ubworozi n'ubukolikoli bikozwe neza byaba bimwe mu byongera umusaruro mu gihugu, dukulikije n'icyifuzo cy'Umukuru w'Igihugu, twasanze ali ngombwa kwigisha urubyiruko. Ministeri ishinga ibigo byigisha urubyiruko iyo myuga, tutaretse no kuberekera uburyo bushyashya bwo gucunga umutungo mu mashyirahamwe no mu makoperative. Ministeri kandi igatera inkunga n'ibindi bigo byashinzwe na Komini n'abagiraneza kugirango bikwirakwize hirya no hino mu Rwanda.
Niyo mpamvu muli iki gihe twashinze ibigo 19 byigisha imyuga inyuranye mu gihe cy'imyaka ibili (2) Ministeri kandi ikaba itera inkunga ibindi bigo nkabyo bigera kuli 40, byigisha abakobwa n'abahungu bagera hafi 4.363.
Uretse ibyo navuze, ibyo bigo bigamije gutoza ababyigamo gukorera hamwe, kugirango imyuga n'ubukolikoli biga babikomereze mu mashyirahamwe y'urubyiruko no mu makoperative ashingwa hirya no hino mu makomini.
Ikindi kandi n'uko buli kigo kigomba guteganya inyigisho gikulikije ubushobozi bw'akarere kilimo.

4° <u>Amashyirahamwe y'urubyiruko (Amakoperative y'urubyiruko)</u>
Gukorera hamwe mu mashyirahamwe y'urubyiruko ni bimwe mu mabwiliza Ministeri yahawe. Bikaba bijyanye nawa mugambi wo gutsinda ubukene n'ubujiji twongera umusaruro. Gukorera hamwe kandi ni kimwe dukesha umuco wacu mwiza Birasanzwe koko kuva kera, haba mu ihinga cyangwa se mu gutanga umuganda mu gihe cy'iyubaka, abanyarwanda uwo muco wo gukorera hamwe bali bawusanganywe.
Ni koko kandi "NTAMUGABO UMWE."

Mu Rwanda amashyirahamwe ak'ayo y'urubyiruko yatangijwe muli 1971, ubwo Ministeri yali ikili Secretariya ya Leta ishinzwe urubyiruko, ubwo nibwo habarurwaga amashyirahamwe 49.
Nyamara muli 1986 twabaraga amashyirahamwe 1.039 abumbye abantu 22.589.
Aliko inzira iracyali ndende kuko muli 86 twabaraga urubyiruko ruli hagati y'imyaka 15 - 25 rutize 1.004.149.

.../...

5° <u>Ibigo bigamije guhugura urubyiruko no gushyigikira amashyirahamwe y'urubyiruko</u>
(Chantiers des jeunes)

Gushinga ibigo bigamije guhugura no gushyigikira amashyirahamwe y'urubyiruko, ni ubulyo bushyashya bwo kwigisha no guhugura urubyiruko Ministeri yatangiye muli 79. Ubwo bulyo rero bukaba bushingiye ku nyigisho n'ibikorwa bihoraho (permanent)
Twasanze bene ibyo bigo byigishiliza icyalimwe urubyiruko rwiga mu bigo bisanzwe by'urubyiruko, cyangwa ababyizemo aliko bamaze igihe bakora mu mashyirahamwe.

Abahuje imyuga bagira igihe cyabageneWe cyo gusubira mu bigo, bitoza imyuga mishyashya ndetse n'abayobozi b'amashyirahamwe bakahungukira byinshi.
Muli iki gihe dufite ibigo bine nk'ibyo (Ndago - Karago - Gakoni na Gishyita)
Ababizamo bahigira ibintu bigamije kwongera umusaruro bishingiye ku nyigisho zinyuranye, niwo mugambi w'ibyo bigo.
Ngibyo kugeza ubu, bimwe mu bigaragara, Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yagerageje gukorera urubyiruko.
Hali n'ibindi bigaragara buhoro buhoro, nk'ibyerekeye gukangulira urubyiruko ibikorwa bigamije amajyambere binashyigikira n'umuco-nyarwanda.
Twavuga nk'amarushanwa y'ingeli zose twakoresheje kuva muli 1985.

<u>Imigambi ya Ministeri mu gihe kili imbere</u>
Duhereye kubyakozwe maze kuvuga, birumvikana ko uroye umubare w'urubyiruko rwitabiliye iyo milimo yose navugako imilimo isigaye aliyo myinshi.
Inzira rero iracyali ndende cyane.
Natangiye iki kiganiro, nibutsako tumaze imyaka 25 dusubiranye ubwigenge bwacu u Rwanda rwali rwaravukijwe n'ingoma ya cyami na gikolonize.
Nibukije kandi uruhali rukomeye urubyiruko rwaliho muli iyo myaka ya mbere y'ubwigenge, rwagize mu guharanira ubusugire bwa buli munyarwanda kugirango yitangire atizigama amajyambere y'igihugu cye.

Ku italiki ya 1 Nyakanga 1987, Nyakubahwa Prezida wa Repubulika yagejeje ku banyarwanda uko abona amajyambere y'iki gihugu agomba kwitabwaho muli iyi myaka ili imbere.
Yagiraga ati: Niba imyaka 25 ishize twalihatiye cyane cyane gushingira ubusugire bw'igihugu cyacu, muli iyi myaka 25 ili imbere tugomba guhamya ubusugire mu makomini yacu".
Ati; "ubu u Rwanda rugeze ahakomeye..... gukoresha imbaraga zacu zose kugirango Komini zacu zihame, zibe koko ishingiro ly'amajyambere nyayo.
Kuko tudashobora kuvugako hali icyo twamaliye igihugu, igihe tuzaba tudashoboye guha abana bacu umurage nyawo ubakwiliye " (1)

Nicyo gituma Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yarafashe nayo imigambi ihamye yo guteza urubyiruko kuba abakangurambaga nyabo, bashinzwe gushinga ibilindiro ku nkiko zikomeye y'igihugu cyane.
Tulifuzako urubyiruko aho ruli hose, mu makomini, mu ma segiteri no mu ma selire, rwakwumvako alirwo rugomba guhamya amajyambere nyayo y'igihugu.

.../...

(1) Traduction libre d'un passage du discours du chef de l'état, 1 juillet 1987

Kugirango twumvishe uwo mulimo ukomeye twateganyije mu gihe gito kili imbere kurukangura twifashishije ibi bikulikira:

1) guhamya ibikorwa biliho bigamije gufasha urubyiruko
2) gukomeza amarushanwa mu rubyiruko
3) gushyiraho umunsi w'urubyiruko mu gihugu cyose
4) kwihatira gukomeza umuco-nyarwanda mu rubyiruko
5) gushyigikira ibikorwa by'amajyambere bishingiye kibishoboka muli buli karere (inventaire)
6) gufatanya n'inzego zose imilimo igamije gutsura amajyambere mu cyaro, ishingiye cyane cyane ku rubyiruko.

1. <u>Guhamya ibikorwa biliho bigamije gufasha urubyiruko</u>

Ningombwa ko ibikorwa bigaragara byagezweho, byaterwa inkunga kugirango bitayoyoka.

Ibyo tuzabikora, twihatira kunoza imyigishilize y'urubyiruko mu bigo kugirango bishobore kwitunga. Hanyuma tugakomeza programu yo guhulira ababyizemo kimwe n'abanyamulyango b'abamashyirahamwe twifashishije bya bigo bibigenewe.

Aha tukaba dusaba ba milita Burugumestri kudufasha, bashyigikira ibyo bigo, nkuko basanzwe babigira, kandi bahatira ba Encadreurs kwita kumilimo bashinzwe.

- Ibiganiro by'urubyiruko mŭli Radio-Rwanda bizakomeza ndetse turusheho no kubitunganya, kugirango birusheho kunogera abo bigenewe.
- Imilyango isanzweho y'urubyiruko tuzayitera inkunga, kandi dufatanye n'abanyamadini kwita ku rubyiruko ruli muli iyo milyango.
- Tulifuza guhamya amashyirahamwe y'urubyiruko;
  dutera inkunga aliho kandi tubona yongera umusaruro, ba Encadreurs bacu nabo bihatira gutoza abandi gushinga amakoperative, y'urubyiruko.

---

(1) Traduction libre d'un passage du discours du Chef de l'Etat.

Muli uko gushyigikira amashyirahamwe, ndabibutsako Ministeri yateganije amafaranga ali muli Banki y'Abaturage agenewe gutangwaho ingwate ku nguzanyo zizaba zigamije gushyigikira ibikorwa by'urubyiruko, cyane cyane ibikorwa byo mu cyaro.

Mwibuke kandi ko na Nyakubahwa Prezida wa Repubulika yateye inkunga urubyiruko. Izo nkunga zose rero ni ngombwa ko ba Burugumestri bazitaho nabo, kugirango, abato mushinzwe bahagurukire koko kwongera umusaruro iwanyu.

- Tuzakomeza, na none dufatanyije n'ubutegetsi bwa Komini kwibutsa ababyeyi umulimo wabo w'ŭburezi, dukoresha inama hirya no hino, twifashisha n'ibinyamakuru.

.../...

2. Amarushanwa mu bigo no mu mashyirahamwe

Amarushanwa twatangije muwa 85, yatweretseko ali uburyo bwo gukangulira urubyiruko ibikorwa byongera umusaruro mu cyaro.
Tulitegura rero ayo marushanwa kugirango buli mwaka abayajyamo barusheho kwiyongera, haba mu bigo no mu mashyirahamwe.
Nicyo gituma twarateganyije ko uyu mwaka, amashyirahamwe yarushanwa ukwayo, amakoperative ukwayo, ibigo by'urubyiruko n'amaserayi (CERAI) nayo ukwayo.
Bityo amategeko agenga amarushanwa akarushaho kunononsorwa.
Nimwe rero, ba Milita Burugumestri, mugomba gukulikilira hafi uko abo munshinzwe bakwitabilira bose kujya muli ayo marushanwa, kuko akamaro kayo kumvikana,

3. Gushyiraho umunsi w'urubyiruko mu gihugu.

Zagwenzwe ibyakozwe mu rwego rw'igihugu kubyerekeye uruhare rw'urubyiruko mu miberehe myiza y'abaturage kugeza iki gihe, Ministeri irakekako inzego zabyumvise, ndetse n'urubyiruko ubwarwo, rukaba hafi ya bose barumvise iyo ntego.
Kugira rero ngo birusheho gushinga imizi, twatekereje gushyiraho umunsi w'urubyiruko mu gihugu cyose.
Ijambo twabonye ryahuza no kwishimira buli mwaka ibikorwa byagezweho n'urubyiruko, haba muli selire, muli segiteri no muli Komini, akaba ali "Festivali y'urubyiruko (FESTIVAL DE LA JEUNESSE)
Amabwiliza yiyo Festivali muzayagezwaho mu minsi ili imbere.
Icyo naba mbabwiye, ni uko icyo gitekerezo cyifujwe kera n'abashinzwe urubyiruko mu nama bagiranye i Kigali muli 82. Byongeye kandi, mu ngendo Ministri ushinzwe urubyiruko yagiliye umwaka ushize mu ma Prefegitura yose, icyo gitekerezo cyakomeje kwibandwaho. Tukaba rero dushaka kubitangira uyu mwaka.
Turashaka ko urubyiruko rwose, urwize n'urutalize, rwagira icyumweru cyangwa se byibura iminsi itatu, yarwitiliwe.
Rukigaragaza muli byose, rugaragaza ibyo rwakoze hakoreshejwe amamulikwa y'ibikorwa, rukidagadura rukora imikino ya gihanga n'iyakijyambere, ibiroli bigasorezwa muli Komini biyobowe na Burugumestri, kuli uwo munsi w'ibyishimo uzashyirwaho. Aha rero Komini niyo igomba gutunganya no gutegura iyo festivali iwayo, uko ibyumva ikoresha ba Encadreur b'Urubyiruko muli segiteri muli 87, ifatanyije na Encadreur wa Komini, na ba Selire na ba Konseye kugirango iwabo urubyiruko rube koko abahanzi b'amajyambere n'ibyiza tugamije mu Rwanda rwejo.

.../...

4. <u>Kwihatira gukomeza umuco-munyarwanda mu rubyiruko</u>

Nkuko Selire ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yabitekereje ndetse ikageza icyo cyifuzo kuli Nyakubahwa Prezida wa Repubulika mu nama yamuhuje na bamwe mu bakozi ba Leta kuwa 30 Mutarama 1986, ni uko "muli iki gihe benshi bakekako intandaro nyayo ya bimwe bidahwitse bisigaye biboneka hanze aha, byaba bikomoka k'uburere buke no kudohoka kw'abarezi ku mulimo wabo w'uburezi.........

Koko hali abantu bamwe batakigira isoni, batacyanga umugayo, batumvako guhemuka ali ikizira; bica nkana umuco-munyarwanda kubera uburere buke.

Kurera urubyiruko Ministeri yacu ikaba ibihuliyeho n'izindi Ministeri nyinshi, n'izindi nzego z'igihugu.

Kubera kandi ko uburere n'umuco ali ishingiro lya byose mu mibereho y'igihugu n'abagituye, kandi ubu imyigatire mibi ya bamwe mu rubyiruko ndetse no mu bakuru batanga urugero rubi ikaba ihangayikishije ababyeyi n'abategetsi, uburere bw'urubyiruko bukwiye kwitabwaho, bugahagurukirwa n'inzego zose"

Tulifuza ko Komini yaba ishingiro ly'ubwo burere, ifatanyije n'ababyeyi.

Inama zikorwa ntizibagirwa kwibutsa icyo kibazo, ndetse byaba ngombwa uwahemukiye uburezi atanga ingero mbi agatwamwa mu mulyango, muli selire muli segiteri no muli Komini.

Kuko ibyo twakora byose dusanga byaba imfabusa hatabanje umulimo wa ngombwa w'uburere, w'uburezi.

(inventaire)

5. <u>Gushyigikira ibikorwa by'amajyambere bishingiye kubishoboka muli buli karere</u> /

Mu ijambo Prezida wa Repubulika, Prezida Fondateli wa MRND, Milita Jenerali Major HABYALIMANA Yuvenali yavugiye muli Kaminuza ya Nyakinma kuwa 21 Gicurasi 1986, yasabyeko "hakorwa ibarura risesuye ry'imilimo yo gutunganya ibiva ku musaruro, ibikorwa bifatiye ku bishaje n'ibisigazwa, ibarura ry'ibikorwa byose byongera umusaruro bidahita bigusha ku buhinzi, aliko bishobora gutanga inyungu, n'ubwo yaba ntoya, bishobora kubonera urubyiruko rw'abakobwa n'urw'abahungu umulimo urufitiye akamaro, ibarura ryambere rero, rizagenda ryuzuzwa, ry'ibikorwa byose bishobora kuboneka mu Rwanda, haba mu makomini no ku mirenge, haba mu nsisiro zo mu cyaro n'izo mu mujyi, haba no mu mishinga."

Iryo barura twaralitangiye, Twabanje kugeragereza kuli Komini imwe muli buli Prefegitura ubu gahunda y'ibibazo ikaba igiye kurangira tugahita dutangira ibarura rusange, lizakwira mu ma Komini yose.

Murumva uruhare ba Burugumestri bazaligiramo, tukaba tubasaba kuzaryitegura ku buryo buhagije. Birumvikana kandi ko Ministeri itazatezuka mugushyigikira no gufasha imishinga izaba yabonetse hirya no hino mu Rwanda nyuma y'iryo barura.

...../...

6. <u>Gufatanya n'inzego zose imilimo igamije gutsura amajyambere mu cyaro, ishingiye cyane cyane ku rubyiruko</u>

Muli uko gufatanya no gushyigikira imishinga iba yabonetse mu Rwanda hose, igamije guha urubyiruko imilimo niyo izabanza kwitabwaho.
Kugirango ibyo bigerweho aliko hagomba ubwitange bwa bose.
Bose bose ntawigira mu gace k'indorerezi.
Inzego za Leta zose zarabyumvise, ba Prefe na ba Burugumestri barabyumvise, abihaye Imana nabo n'ubwo bali basanzwe barabyumvise, aliko Prezida wa Repubulika yabibasabye ku buryo bw'umwihaliko kuwa 1 Nyakanga 1987.
Ni ngombwa ko abafite ibitekerezo byiza byerekeye guteza imbere urubyiruko babigaragaza bakabishyira hamwe kugirango bigaragalire mu bikorwa.
Ibyo bitekerezo bili hose mu banyarwanda, Komini ikaba aliyo yagombye kubicukumbura no kubihuza, maze bigashyikilizwa urwego rwa Ministeri. Gufatanya mu milimo no mu bikorwa bigamije guteza imbere urubyiruko,
Iyo ntego n'imwe muzo Ministeri mpagarariye aha yitayeho.

Ngibyo ba milita Burugumestri bimwe mu bitekerezo by'ingenzi Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yashakaga kubagezaho.
Muba maso rero, mukore kandi mukoreshe abo mushinzwe, dufatanye twese kugirango urubyiruko rwacu rugire uruhali rugaragara mu majyambere y'iki gihugu.
Maze urubyiruko uko ruzakomeza gusimburana ruzajye rusanga iteka abababanjilije barabateguliye icyicaro gituje mu rwanda rwa Kanyarwanda.